Intumwa Nkuru ya  
Leta

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minister of Justice/Attorney General

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE  
N°114/03 RYO KU WA 19/06/2015  
RIGENA IBYANGOMBWA BIKENEWE  
KUGIRA NGO UMUNTU AGIRE  
UBURENGANZIRA BWO GUTUNGA  
UBUTAKA BWO MU MUJYI  
BUGENEWE IMIRIMO YO  
GUTUNGANYIRIZA ABANTU  
IBIBANZA NO KUBIBUBAKIRA

PRIME MINISTER'S ORDER N°114/03  
OF 19/06/2015 DETERMINING  
CONDITIONS FOR AUTHORIZATION  
TO CARRY OUT REAL ESTATE  
DEVELOPMENT OPERATIONS

ARRETE DU PREMIER MINISTRE  
N°114/03 DU 19/06/2015  
DETERMINANT LES CONDITIONS  
D'ACQUISITION DE L'AUTORISATION  
DE REALISER LES OPERATIONS DE  
PROMOTION IMMOBILIERE EN  
MILIEU URBAIN

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS  
GENERALES

Ingingo ya mberere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'umutungo ku  
butaka

Article 2: Definition of real estate

Article 2: Définition d'immobilier

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri teka

Article 3: Purpose of this Order

Article 3 : Objet du présent arrêté

UMUTWE WA II: IBISHINGIRWAHO  
MU GUTANGA UBURENGANZIRA  
BWO GUKORA IMIRIMO YO  
GUTUNGANYIRIZA ABANTU  
IBIBANZA NO KUBUBAKIRA

CHAPTER II: CONDITIONS FOR  
AUTHORIZATION TO CARRY OUT  
REAL ESTATE DEVELOPMENT  
OPERATIONS

CHAPITRE II : CONDITIONS  
D'ACQUISITION DE L'AUTORISATION  
DE REALISER LES OPERATIONS DE  
PROMOTION IMMOBILIERE

Ingingo ya 4: Iyubahirizwa ry'inyandiko  
n'amabwiriza by'imitunganyirize y'imijyi  
mu gihe hakorwa imirimo yo  
gutunganyiriza abantu ibibanza

Article 4: Conformity of real estate  
development with urban planning  
documents and regulations

Article 4: Conformité de promotion  
immobilière avec des documents et des  
règlements d'urbanisme

Ingingo ya 5: Ibisabwa mu kwemererwe  
gukora imirimo yo gutunganyiriza abantu  
ibibanza no kubibubakira

Article 5: Eligibility to carry out real estate  
development operations

Article 5: Éligibilité pour effectuer des  
opérations de promotion immobilière



Ingingo ya 6: Uburenganzira bwo gutunganyiriza abantu ibibanza no kubibubakira Article 6: Authorization to carry out real estate development Article 6: Autorisation d'effectuer une promotion immobilière

Ingingo ya 7: Ibigize ubusabe bw'uruhushya rwo gukora ibikorwa byo gutunganyiriza abantu ibibanza no kububaka Article 7: Content of the application file for real estate development permit Article 7 : Contenu du dossier de demande d'un permis de promotion immobilière

Ingingo ya 8: Uburyo bwo gutanga uruhushya rwo gutunganyiriza abantu ibibanza no kububakira Article 8: Procedures for issuance real estate development permits Article 8: Modalités d'octroi d'autorisation de promotion immobilière

Ingingo ya 9: Igihe gusuzuma ubusabe bimara Article 9: Duration of assessment period Article 9: Durée de la période d'évaluation

Ingingo ya 10: Gukurikirana no kugenzura imirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza no kububakira Article 10: Monitoring and Inspection of real estate development Article 10 : Supervision et inspection de la promotion immobilière

Article 11: Igihe uruhushya rwo gukora imirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza no kubibubakira rumara Article 11: Validity of estate development permit Article 11 : Validité de l'autorisation de promotion immobilière

### UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA

### CHAPTER III: FINAL PROVISIONS

### CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 12: Abashinzwe kubahiriza iri teka Article 12: Authorities responsible of implementation of this Order Article 12: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka Article 13: Repealing provision Article 13 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 14: Igihe iteka ritangira gukurikizwa Article 14: Commencement Article 14 : Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE  
N°114/03 RYO KU WA 19/06/2015  
RIGENA IBYANGOMBWA BIKENEWE  
KUGIRA NGO UMUNTU AGIRE  
UBURENGANZIRA BWO GUTUNGA  
UBUTAKA BWO MU MUJYI  
BUGENEWE IMIRIMO YO  
GUTUNGANYIRIZA ABANTU  
IBIBANZA NO KUBIBUBAKIRA**

**PRIME MINISTER'S ORDER N°114/03  
OF 19/06/2015 DETERMINING  
CONDITIONS FOR AUTHORIZATION  
TO CARRY OUT REAL ESTATE  
DEVELOPMENT OPERATIONS**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE  
N°114/03 DU 19/06/2015  
DETERMINANT LES CONDITIONS  
D'ACQUISITION DE L'AUTORISATION  
DE REALISER LES OPERATIONS DE  
PROMOTION IMMOBILIERE EN  
MILIEU URBAIN**

**Minisitiri w'Intebe,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n°10/2012 ryo kuwa 02/05/2012 rigena imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 30;

Abisabwe na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 13/02/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rishyiraho ibyangombwa bikenewe

**The Prime Minister,**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles, 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n°10/2012 of 02/05/2012 governing the urban planning and buildings in Rwanda; especially in Article 30;

On proposal by the Minister of Infrastructure;

After consideration and adoption by Cabinet, in its session of 13/02/2015;

**HEREBY ORDERS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the conditions for

**Le Premier Ministre,**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la Loi n°10/2012 du 02/05/2012 portant code de l'urbanisme et de la construction au Rwanda, spécialement en son article 30;

Sur proposition du Ministre des Infrastructures;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres dans sa session du 13/02/2015 ;

**ORDONNE**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les conditions

kugera ngo umuntu agire uburenganzira bwo gutunga ubutaka bwo mu mujyi bugenewe imirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza no kubibubakira.

authorization to carry out real estate development operations.

d'acquisition de l'autorisation de réaliser les opérations de promotion immobilière en milieu urbain.

**Ingingo ya 2: Igisonaburo cy'umutungo ku butaka**

**Article 2: Definition of real estate**

**Article 2: Définition d'immobilier**

Umutungo ku butaka ni umutungo utimukanwa ugizwe n'ubutaka n'injubako zubatse kuri ubwo butaka cyangwa n'ibindi bigize umutungo kamere.

Real estate is immovable property consisting of land and the buildings on it, along with its natural resources.

L'immobilier est un bien immeuble constitué de terres et les bâtiments qui s'y trouvent, ainsi que ses ressources naturelles.

**Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri teka**

**Article 3: Purpose of this Order**

**Article 3 : Objet du présent arrêté**

Iri teka rireba ubutaka bwose bwagenewe guturwaho, ibikorwa by'ubucuruzi, ibikorwa bitandukanye cyangwa uduce twahariwe inganda biri ku buso bwa m<sup>2</sup> 4000 nibura.

This Order applies to all land in residential, mixed use, commercial or industrial development zones comprising an area of at least 4,000 Sqm.

Le présent arrêté s'applique à tous les terrains dans les zones de développement résidentiel, mixte, commercial ou industriel ayant une superficie minimale de 4000 m<sup>2</sup>.

**UMUTWE WA II: IBISHINGIRWAHO MU GUTANGA UBURENGANZIRA BWO GUKORA IMIRIMO YO GUTUNGANYIRIZA ABANTU IBIBANZA NO KUBUBAKIRA**

**CHAPTER II: CONDITIONS FOR AUTHORIZATION TO CARRY OUT REAL ESTATE DEVELOPMENT OPERATIONS**

**CHAPITRE II : CONDITIONS D'ACQUISITION DE L'AUTORISATION DE REALISER LES OPERATIONS DE PROMOTION IMMOBILIERE**

**Ingingo ya 4: Iyubahirizwa ry'inyandiko n'amabwiriza by'imitunganyirize y'imijyi mu ghe hakorwa imirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza**

**Article 4: Conformity of real estate development with urban planning documents and regulations**

**Article 4: Conformité de promotion immobilière avec des documents et des règlements d'urbanisme**

Imirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza no kubibubakira igomba kubahiriza inyandiko zisanzwe z'imitunganyirize y'imijyi kandi igakurikiza ibishushanyo by'ikatwa ry'ibibanza iyo bihari, igasabirwa uruhushya rwo kubaka ndetse ikubahiriza n'inyandiko

Real estate development must be compliant with the valid urban planning documents, and be based on an adopted land subdivision plans if available, and fulfilled building permit requirements, and requirements for an urban planning operation if applicable.

La promotion immobilière doit se conformer aux documents d'urbanisme en vigueur, et se baser sur un plan de lotissement adopté si ce dernier est disponible, et respecter les exigences en matière d'autorisation de bâtir, et les exigences requises pour mener opération

zi imitunganyirize y' imujyi iyo zihari.

durbanisme le cas échéant.

**Ingingo ya 5: Ibisabwa mu kwemererwe gukora imirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza no kububakira**

**Article 5: Eligibility to carry out real estate development operations**

**Article 5: Éligibilité pour effectuer des opérations de promotion immobilière**

Imirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza no kububakira ikorwa n'umuntu cyangwa urwego rugaragaza ubushobozi. rushobora kuba urwego rw'abikorera, koperative, urwego rw'ibanze rwa Leta cyangwa ubufatanye bwa Leta n'abikorera.

Real estate operations may be carried out by a competent real estate development entity, which may be a private developer, a cooperative, a local government authority, or a public-private partnership.

Les opérations de la promotion immobilière sont effectuées par une entité de promotion immobilière compétente, qui peut être un promoteur privé, une coopérative, une autorité gouvernementale locale, ou un partenariat public-privée.

Inzego cyangwa abantu bashaka gutunganyiriza abantu ibibanza no kububakira zigomba kuba zizizwe n'umubare uhagije w'abatekinisiye bafite impamyabushobozi mu by'ubwubatsi cyangwa umutungo utimukanwa.

Entities or persons intending real estate development must have an adequate number of technical personnel with certificates of qualifications of architecture or real estate development and construction engineering specialty.

Les entités ou agents de promotion immobilière doivent avoir un nombre suffisant de personnel technique avec des certificats de qualifications en architecture ou spécialistes en propriété foncière, ainsi que ingénierie de construction.

Urwego rw'abikorera rugomba kuba rwanditswe kandi rwemewe mu gutunganyiriza abantu ubutaka no kububakira.

Private entities shall be registered as a real estate developer.

Les entités privées doivent être enregistrés comme promoteur immobilier.

**Ingingo ya 6: Uburenganzira bwo gutunganyiriza abantu ibibanza no kububakira**

**Article 6: Authorization to carry out real estate development**

**Article 6: Autorisation d'effectuer une promotion immobilière**

Urwego cyangwa umuntu ushaka gukora imirimo yo gutunganyiriza abantu ubutaka no kububakira rugeza ubusabe bw'uruhushya rwo gukora imirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza no kububakira ku Karere bireba cyangwa Umujyi wa Kigali.

An entity or a person intending to carry out real estate operations shall submit a demand file for authorization to carry out real estate development to the concerned District, or the City of Kigali.

Une entité ou agent ayant l'intention d'effectuer des opérations de promotion immobilière présente un dossier de demande d'autorisation d'effectuer une promotion immobilière au près du District ou à la Ville de Kigali.

Urwego cyangwa umuntu ushaka gukora imirimo yo gutunganyiriza abantu ubutaka no

An entity or agent intending to develop a real estate must submit within the same

Une entité ou agent visant à la promotion immobilière doit présenter dans le même

kububakira agomba gutanga muri ubwo busabe, ibigize ubusabe bwo gukora ibikorwa by' imitunganyirize y'imiyi n'urushya rwo kubaka hakurikijwe abantu umushinga ugera imbago zawo.

application process an application for urban planning operation, for real estate development and for building permit within the spatial delineation of the project.

processus de demande, une demande pour des opérations d'urbanisme, de promotion immobilière et d'autorisation de bâtir dans la délimitation spatiale du projet.

Icyakora, gutanga urushya rwo gukora imirimo yo gutunganyiriza abantu ibanza no kububakira bitandukanywa n'impushya zo gukora indi imirimo y'inyongera ikenewe y'imitunganyirize y'imiyi, nk'ikatwa ry'ibanza, guhuza cyangwa gutandukanya ibanza bikagengwa kandi n'igihe bigomba kurangirira kivugwa mu ngingo ya 11 y'iri teka.

However, granting of real estate development permit shall be separate from granting of urban planning operation to carry out land subdivision, urban re-plotting or plot restructuring, and depend on its certified finalization as stated in Article 11 of this Order.

Cependant, l'octroi de l'autorisation de promotion immobilière est séparé de l'octroi de l'autorisation d'opération d'urbanisme pour la réalisation de lotissement, remembrement urbain ou restructuration des parcelles, et dépendra de sa finalisation certifiés comme prescrit dans l'article 11 du présent arrêté.

Urushya rwo kubaka rugomba gutangirwa rimwe n'urushya rwo gukora imirimo yo gutunganyiriza abantu ubutaka no kububakira.

Granting of building permit must be directly connected to the real estate development permit.

L'octroi de l'autorisation de bâtir doit être connecté directement à l'autorisation de promotion immobilière.

**Ingingo ya 7: Ibigize ubusabe bw'urushya rwo gukora ibikorwa byo gutunganyiriza abantu ibanza no kububaka**

**Article 7: Content of the application file for real estate development permit**

**Article 7: Contenu du dossier de demande d'un permis de promotion immobilière**

Inyandiko zikurikira zigomba kuba ziri mu busabe bw'urushya rwo gukora imirimo yo gutunganyiriza abantu ibanza no kububaka:

The following documents must be presented as part of the real estate development permit demand file:

Les documents suivants doivent être présentés dans le cadre du dossier de demande de permit de promotion immobilière:

- 1° ibaruwa ibisaba;
- 2° icyemezo cy'uko urwego rw'abikorera rugomba kuba rwanditswe kandi rwemewe mu gutunganyiriza abantu ubutaka no kububakira;

- 1° application letter;
- 2° registration certificate for private real estate developers;

- 1° lettre de demande;
- 2° certificat d'enregistrement pour les promoteurs immobiliers privés;

**Official Gazette n° 26 of 29/06/2015**

- |   |  |  |
|---|--|--|
| <p>3° impanyabushobozi z'abatekinisiye bavugwa mu ngingo ya 5 y'iri teka;</p>   | <p>3° certificates of the technical personnel stated in Article 5 of this Order;</p>   | <p>3° certificats du personnel technique comme prescrit dans l'article 5 du présent arrêté ;</p>   |
| <p>4° ibyavuye mu nyigo y'ishyirwa mu bikorwa ritegura igishushanyo cy'ikatwa ry'ibibanza, iyo nta gishushanyo cyaryo cyari gisanzwe gikurikizwa;</p> | <p>4° feasibility study results prepared for the land subdivision plan if the land subdivision plan has not yet been adopted;</p>                          | <p>4° résultats des études de faisabilité préparées pour le plan de lotissement, si aucun plan d'allotissement n'a déjà été adopté ;</p>                           |
| <p>5° icyemezo cy'ubutaka cyangwa uburenganzira bwatanzwe na ba nyir'ubutaka bireba hakurikijwe ahantu umushinga ugeza imbago zawo;</p>               | <p>5° proof of land ownership or authorization from all land owners concerned within the spatial delineation of the real estate project;</p>               | <p>5° preuve de propriété foncière ou autorisation de tous les propriétaires du terrain concerné dans la délimitation spatiale du projet immobilière terrain ;</p> |
| <p>6° uburyo buhanye bwo gucunga umutungo utimukanwa, harimo imicungire n'ibungabungwa ry'ibikorwa remezo;</p>  | <p>6° estate management scheme, including infrastructure ownership, management and maintenance;</p>  | <p>6° système de gestion immobilière incluant la possession et gestion des infrastructures, et leur maintenance ;</p>  |
| <p>7° amafaranga azakoreshewa muri ibyo bikorwa n'uburyo azabonekamo;</p>   | <p>7° financing scheme including source of funding;</p>  | <p>7° plan de financement incluant la source de financement ;</p>  |
| <p>8° igishushanyo cy'ikatwa ry'ibibanza giteganyijwe iyo gikenewe;</p>   | <p>8° proposed or adopted land subdivision plan as applicable;</p>   | <p>8° plan de lotissement proposé ou adopté selon le cas ;</p>   |
| <p>9° irangizwa ryemejwe ry'imirimo y'ikatwa cyangwa ihuzwa ry'ibibanza iyo byagombaga gukorwa;</p>   | <p>9° certified finalization of a land subdivision, urban re-plotting and plot restructuring operations, if such has been necessary to be carried out;</p> | <p>9° une finalisation certifiée de lotissement, de remembrement urbain ou de restructuration des parcelles, s'ils étaient nécessaires à être effectués;</p>       |
| <p>10° amasezerano y'ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera iyo bazafatanye ibikorwa;</p>  | <p>10° partnership contract between public and private entities if applicable;</p>   | <p>10° contrat de partenariat entre entités publique et privé, le cas échéant ;</p>  |
| <p>11° ubusabe bw'uruhushya rwo kubaka kuri buri bwoko bw'inyubako ndetse n'aho zizaba zubatse.</p>   | <p>11° complete building permit demand file for each building type, and including their location.</p>  | <p>11° dossier de demande d'autorisation de bâtir complet pour chaque type de bâtiment, en incluant leur localisation.</p>   |

**Ingingo ya 8: Uburyo bwo gutanga uruhushya rwo gutunganyiriza abantu ibibanza no kububakira**

Itsinda tekinike ryashyizweho n' Akarere cyangwa umujyi wa Kigali risuzuma ubusabe bw' uruhushya rwo gutunganyiriza abantu ibibanza no kububakira.

Itsinda tekinike rivugwa mu gika cya mbere cy' iyi ngingo, rigomba kuba rigizwe nibura n' umuntu umwe uzi neza gukora ibishushanyo by' amazu, uzi neza imitunganyirize y' imijyi n' uzi neza imyubakire.

Itsinda tekinike rivugwa mu gika cya mbere cy' iyi ngingo rigomba gusaba iyemezwa ry' uruhushya rwo gutunganyiriza abantu ibibanza no kububakira, abashinzwe gukwirakwiza ibikorwa renzeo n' imirimo ifituye abaturage akamaro.

**Ingingo ya 9: Igihe gusuzuma ubusabe bimara**

Gusuzuma no kwemeza ubusabe bw' uruhushya rwo gukora imirimo yo gutunganyiriza abantu ubutaka no kububakira ndetse no gutanga urwo ruhushya nibirenza iminsi mirongo cyenda (90) y' ukwezi uhereye igihe ubusabe bwemerewe ko bwuzuye.

Mu gihe uruhushya rwo gukora imirimo yo gutunganyiriza abantu ubutaka no kububakira rutanzwe mu gihe kivugwa mu gika cya mbere cy' iyi ngingo ku mpamyu runaka, Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali bigomba

**Article 8: Procedures for issuance real estate development permits**

The designated technical team of District or City of Kigali as applicable shall assess the submitted real estate permit demand file.

The designated technical team mentioned in Paragraph One of this Article must be composed of at least one architect, urban planner or urban designer, civil engineer and mechanical engineer.

The designated technical team mentioned in Paragraph One of this Article must seek approval of the proposed real estate development from the public infrastructure and utility providers.

**Article 9: Duration of assessment period**

The duration taken to assess and approve a complete real estate development permit demand file and deliver such permit shall not exceed ninety (90) calendar days from the date of confirmation of completeness of the file.

In case the real estate development permit cannot be delivered within the prescribed time mentioned in Paragraph One of this Article for any reasons, the District or the City of Kigali shall inform the applicant in writing

**Article 8: Modalités d'octroi d'autorisation de promotion immobilière**

L'équipe technique désignée du District ou de la Ville de Kigali évalue le dossier d'autorisation de promotion immobilière soumis.

L'équipe technique désignée mentionnée dans l'alinéa premier du présent article doit être composé d'au moins un architecte, un planificateur urbain ou urbaniste, ingénieur civil, et ingénieur mécanique.

L'équipe technique désignée mentionnée dans l'alinéa premier du présent article doit demander aux fournisseurs d'infrastructures et services publics, l'approbation du projet proposé.

**Article 9: Durée de la période d'évaluation**

La durée nécessaire pour évaluer et approuver un dossier complet de demande d'autorisation de promotion immobilière, et de fournir tel autorisation ne peut pas dépasser quatre-vingt-dix (90) jours calendriers à compter de la date de confirmation de l'intégralité du dossier.

Dans le cas où le permis de promotion immobilière ne peut être délivré dans le délai mentionné dans l'alinéa premier du présent article pour quelque raison, le District ou la Ville de Kigali en informe le demandeur par

kumenyesha uwatanze ubusabe mu nyandiko impamvu z' ubwo bukererwe.

stating the reasons for the delay.

écrit expliquant les raisons du retard.

Mu gihe Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali bidasubije mu nyandiko mu minsi mirongo cyenda (90) y' ukwezi, bifatwa ko uruhushya rwatanzwe.

In case the District or City of Kigali does not respond in writing within ninety (90) calendar days, the real estate development permit shall be considered granted.

Au cas où le District ou la Ville de Kigali le cas échéant, ne donne aucune réponse écrite au demandeur dans un délai de quatre-vingt-dix (90) jours calendriers, l'autorisation de promotion immobilière est considérée comme acquise.

**Ingingo ya 10: Gukurikirana no kugenzura imirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza no kububakira**

**Article 10: Monitoring and Inspection of real estate development**

**Article 10 : Supervision et inspection de la promotion immobilière**

Akarere n'umujyi wa Kigali, ku bufatanye n'urwego rwa Leta rufite mu nshingano zarwo guteza imbere imiturire, bakurikirana kandi bakagenzura imirimo yo gutunganyiriza abantu ubutaka no kububakira.

The Districts and the City of Kigali shall be responsible for the monitoring and inspection of real estate development, in collaboration with the government agency in charge of urban planning and human settlement.

Les Districts et la Ville de Kigali sont responsables de la supervision et l'inspection des opérations de promotion immobilière en collaboration avec l'agence gouvernementale ayant dans ses attributions l'urbanisme et l'habitat.

**Ingingo ya 11: Igihe uruhushya rwo gukora imirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza no kububakira rumara**

**Article 11: Validity of estate development permit**

**Article 11: Validité de l'autorisation de promotion immobilière**

Iyo uruhushya rwo gukora imirimo yo gutunganyiriza abantu ubutaka no kububakira rwatanzwe, imirimo igomba kurangira mu gihe kitarenze imyaka itanu (5).

When a real estate development permit has been granted, construction shall be completed within five (5) years.

Les constructions de la promotion immobilière doivent s'achever cinq (5) ans après l'obtention d'autorisation de promotion immobilière.

Iyakora, iyo mirimo y'ubwubatsi idatangiyemo mu gihe cy'inyaka ibiri (2) uherye igihe uruhushya rwatangiyemo, ruhita ruta agaciro mu gihe nta busabe bwo kongererwa igihe bwakozwe kandi ngo bwemerwe.

In case construction is not commenced within two (2) years of granting real estate development permit, the permit expires, if no request for its prolongation was made and approved.

Dans le cas où les constructions ne commencent pas deux ans (2) après avoir obtenu l'autorisation de promotion immobilière, l'autorisation est annulée si aucune demande de sa prolongation n'a été faite et accordée.



Ubusabe bwo kongererwa igihe bushyikirizwa Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali aho ubusabe bwa mbere bwari bwakorewe.

A request for prolongation of real estate development permit shall be addressed to the District or the City of Kigali where the former demand for real estate development permit has been filed.

Une demande de prolongation d'autorisation de promotion immobilière est adressée au District ou à la Ville de Kigali où la précédente demande d'autorisation de promotion immobilière a été déposée avant.

### **UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA**

#### **CHAPTER III: FINAL PROVISIONS**

#### **CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 12: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

**Article 12: Authorities responsible of implementation of this Order**

**Article 12: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze, Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze na Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze, basabwe kubahiriza iri teka.

The Minister in charge of urban planning and housing, the Minister in charge of land and the Minister in charge of Local Government are entrusted with implementation of this Order.

Le Ministre chargé de l'urbanisme et l'habitat, le Ministre chargé des terres et le Ministre chargé de l'administration locale sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka.**

**Article 13: Repealing provision**

**Article 13: Disposition abrogatoire**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 14: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**Article 14: Commencement**

**Article 14: Entrée en vigueur**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsiri ryatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 19/06/2015

Kigali, on 19/06/2015

Kigali, le 19/06/2015

(sé)

*Official Gazette n° 26 of 29/06/2015*

**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'intebe

(sè)  
**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

(sè)  
**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

(sè)  
**MUSONI James**  
Minisitiri w'Ibikorwa Remezo

(sè)  
**MUSONI James**  
Minister of Infrastructure

(sè)  
**MUSONI James**  
Ministre des Infrastructures

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cy'a**  
**Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the**  
**Republic:**

**Vu est scellé du Sceau de la République :**

(sè)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya  
Leta

(sè)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

(sè)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/33 RYO  
KU WA 09/06/2015 RIGENA IMITERERE  
Y'AHANTU HAGENWE KUNYWERA  
ITABI N'IBIRIKOMOKAHO  
N'IBIKUBIYE MU ITANGAZO  
RIHAMANIKWA

MINISTERIAL ORDER N°20/33 OF  
09/06/2015 DETERMINING THE  
CHARACTERISTICS OF SMOKING  
AREAS AND THE CONTENT WHICH  
SHALL BE INCLUDED IN THE NOTICE  
TO BE DISPLAYED IN THE SMOKING  
AREA

ARRETE MINISTERIEL N°20/33 DU  
09/06/2015 PORTANT  
CARACTERISTIQUES DES ZONES  
RESERVEES AUX FUMEURS ET  
CONTENU D'AVIS À AFFICHER SUR  
CES ZONES

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere** : icyo iri teka rigamije

**Article One**: Purpose of this Order

**Article premier**: Objet du présent arrêté

**Ingingo ya 2**: Ibiranga ahantu hagenewe kunywera itabi

**Article 2**: Characteristics of a smoking area

**Article 2** : Caractéristiques d'une zone réservée aux fumeurs

**Ingingo ya 3**: Iyipimo by'ibyapa

**Article 3**: Dimensions of the sign posts

**Article 3**: Dimensions des enseignes

**Ingingo ya 4** :Aho ahagenewe kunywera itabi haherereye

**Article 4** : Location of the smoking area

**Article 4**: Situation d'une zone réservée aux fumeurs

**Ingingo ya 5**: Amatangazo amanikwa ahagenewe kunywera itabi

**Article 5**: Notices displayed in smoking area

**Article 5**: Avis dans les zones réservées aux fumeurs

**Ingingo ya 6**: Itangazo ribuza kunywera itabi ahatagenewe kunywera itabi

**Article 6**: Notice of prohibition of smoking in no smoking places

**Article 6** : Avis d'interdiction de fumer dans les places non désignées pour les fumeurs

**Ingingo ya 7**: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

**Article 7**: Repealing provisions

**Article 7** : Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 8**: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

**Article 8**: Commencement

**Article 8** : Entrée en vigueur

*Official Gazette n° 26 of 29/06/2015*

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/33 RYO KU WA 09/06/2015 RIGENA IMITERERE Y'AHANTU HAGENWE KUNYWERA ITABI N'IBIRIKOMOKAHO N'IBIKUBIYE MU ITANGAZO RIHAMANIKWA**

**MINISTERIAL ORDER N°20/33 OF 09/06/2015 DETERMINING THE CHARACTERISTICS OF SMOKING AREAS AND THE CONTENT WHICH SHALL BE INCLUDED IN THE NOTICE TO BE DISPLAYED IN THE SMOKING AREA**

**ARRETE MINISTERIEL N° 20/33 DU 09/06/2015 PORTANT CARACTERISTIQUES DES ZONES RESERVEES AUX FUMEURS ET CONTENU D'AVIS A AFFICHER SUR CES ZONES**

**Minisitiri w'Ubuzima ;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 8/2013 ryo kuwa 01/03/2013 ryerekeye kugenzura imikoreshereze y'itabi, cyane cyane ngingo yaryo iya 12;

Inamay'Abaminisitiri yo ku wa 20/03/2015 imaze kurisuzuma no kuryemeza;

**ATEGETSE:**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena rigena imiterere y'ahantu hagenewe kunywera itabi n'ibirikomokaho n'ibikubiye mu itangazo rihamanikwa.

**The Minister of Health;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 08/2013 of 01/03/2013 relating to the control of tobacco, especially in Article 12;

After consideration, and approval by the Cabinet in its session of 20/03/2015 ;

**ORDERS:**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines characteristics of smoking areas and the content which shall be included in the notice to be displayed in smoking areas.

**Le Ministre de la Santé ;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 and 201;

Vu la Loi n° 08/2013 du 01/03/2013 régissant le control du tabac, spécialement en son article 12 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 20/03/2015 ;

**ARRETE:**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté porte sur les caractéristiques des zones réservées aux fumeurs et le contenu d'avis à afficher sur ces zones.

**Ingingo ya 2: Ibiranga ahantu hagenewe kunywera itabi**

Ahantu hagenewe kunywera itabi ni ahantu hatemerewe kugerwamo n'abantu bari munsi y'imyaka cumi n'umunani (18), kerekanywa neza n'ibyapa ko kagenewe abanywa itabi.

**Ingingo ya 3: Ihipimo by'ibyapa**

Ibyapa bimanise bigomba kubahiriza ibi bikurikira :

1° bigomba gupima nibura 50 cm kuri 50 cm;

2° kuba byanditseho "AHAGENEWE ABANYWA ITABI ", mu nyuguti zitukura zanditse ahantu h'umweru, mu Gifaransa, icyongereza n'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 4 : Aho ahagenewe kunywera itabi habereye**

Ahagenewe kunywera itabi hagomba kuba ari ahantu hinjira akayaga mu nyubako imbere cyangwa iruhande rw'inzugi n'amadirishya kuburyo abarimo babona akayaga cyangwa hari ibyuma byinjiza bikanasohora umwuka kuburyo ntanyotsi ikwirakwira ituruka aho hantu ngo yinjire no mu byumba bisigaye, hakurikiywe icyemezo cyafashwe n'umugenzuzi;

Ahantu hagenewe kunywera itabi hagomba kandi kuba hari ibikoresho bidashobor gushya

**Article 2: Characteristics of a smoking area**

A smoking area is one which does not permit access to people under the age of eighteen (18) and is clearly marked as smoking area.

**Article 3: Dimensions of the sign posts**

A smoking sign post must comply with the following:

1° measure at least 50cm by 50cm in dimension;

2° bear the information "SMOKING AREA", written in red with white background in Kinyarwanda, English and French.

**Article 4 : Location of the smoking area**

The smoking area must be situated in an open space area of the premise, nearby doors and windows with access to open air or installed with suitable ventilation and extraction solutions to ensure that there is no smoke drift from smoking area into the rest of the premises in accordance with the decision of inspector;

The smoking area must also be equipped with suitable non combustible receptacles such ash

**Article 2 : Caractéristiques d'une zone réservée aux fumeurs**

Une zone réservée aux fumeurs est celui dont l'accès aux personnes de moins de dix-huit (18) ans est interdit et est clairement marqué comme zone fumeurs.

**Article 3: Dimensions des enseignes**

Les enseignes affichées doivent être conformes à ce qui suit :

1° les enseignes doivent mesurer au moins 50cm x 50 cm;

2° comporter la mention "ZONE RESERVEE AUX FUMEURS", imprimée en rouge avec fond blanc, en Kinyarwanda, Anglais et français.

**Article 4: Situation d'une zone réservée aux fumeurs**

La zone réservée aux fumeurs doit être située dans une zone en plein air à l'intérieur des locaux ou à côté de portes et de fenêtres avec accès au plein air ou équipée de solutions d'aération et d'extraction de manière à ce qu'aucune fumée ne se répartisse de cette zone vers le reste des locaux, suivant la décision d'un inspecteur ;

La zone réservée aux fumeurs doit aussi être équipée de réceptifs non combustibles et

kandi byabugenewe, nk'aho bashyira ivu, kugira ngo abanywi b'itabi bazimye itabi kandi bajugunyemo uduce tw'amasegereti bamaze kunywa.

trays to enable smokers extinguish and discard cigarette ends.

appropriés comme des cendriers pour éteindre et jeter les bouts de cigarettes.

**Ingingo ya 5: Amatangazo amanikwa ahagenewe kunywa itabi**

**Article 5: Notices displayed in smoking area**

**Article 5: Avis dans les zones réservées aux fumeurs**

Mu nyubako igenewe kunyweramo itabi hagomba kumanikwa imbere muri izo nyubako amatangazo,ashyirwa ahagaragara, abantu bose basoma, mu Kinyarwanda, Leyongerera cyangwa Igifaransa, avuga ko kunywa itabi byemewe gusa imbere mu gace gahariwe abanywa itabi kandi ko bibujijwe ahandi hose muri izo nyubako. Iryo tangazo rigomba kuba rikubiyemo ibisobanuro kugihano gihabwa urenze kuri ayo mabwiriza.

In the premises designated for smoking must be displayed clear notices, inside premises, in Kinyarwanda, English or French, indicating that smoking is only allowed within the designated area and prohibits smoking anywhere on the premises. The notice must include information about the penalty for violations.

Dans les locaux désignés pour les fumeurs doivent être affichés des avis clairs, à l'intérieur, en kinyarwanda, en anglais ou en français, indiquant que fumer n'est autorisé que dans la zone désignée et interdit partout dans les locaux. L'avis doit inclure des informations sur la peine applicable en cas de violation.

**Ingingo ya 6: Itangazo ribuza kunywa itabi ahatagenewe kunywa itabi**

**Article 6: Notice of prohibition of smoking in no smoking places**

**Article 6: Avis d'interdiction de fumer dans les places non désignées pour les fumeurs**

Ucunga inyubako irimo agace kahariwe abanywa itabi cyangwa nyiraho agomba kumanika mu gice cy'inyubako kidahariwe abanywa itabi, itangazo ribuza kuhanywera itabi, akarishyira ahantu hagaragarira benshi ku buryo abantu bose bahinjira biborohera kuribona kandi bakabasha kurisoma ntangorane.

The manager or owner of the premise designated for smoking must display the notice of prohibition of smoking in no smoking places of the premise in such a prominent place that any person entering the premise will easily see and be able to read the notice.

Le gérant ou le propriétaire du local désigné pour les fumeurs doit afficher l'avis d'interdiction de fumer dans les places du local non désignés pour les fumeurs dans un endroit bien visible de manière à ce que toutes les personnes qui pénètrent dans la zone puissent facilement le voir et soient capables de le lire sans difficulté.

Itangazo rimamitswe rigomba kubahiriza iby'ingenzi muri ibi bikurikira :

The posted notice must essentially comply with the following:

L'avis affiché doit essentiellement être, conforme à ce qui suit :

1° kumanikwa ahantu hangana nibura na 50 cm kuri 50 cm;

1° cover a surface area of at least 50 cm by 50 in dimension;

1° couvrir une surface d'au moins 50 cm x 50 cm;

2° amagambo agize iryo tangazo agomba kuba yanditse ku buryo bukurikira: “BIRABUJWE KUNYWEERA ITABI HANO”; mu nyuguti zitukura zanditse ku mweru, mu Kinyarwanda, icyongereza n’Igifaransa. Ayo magambo agomba gukwira kubuso bungana na 60% by’icyapa;

2° the warning text must include the words “NO SMOKING IN THIS AREA”, written in red on white background in Kinyarwanda, English and French. The text must cover 60% of the sign post;

2° le texte de l’avis doit être libellé comme suit : “INTERDICTION DE FUMER”; imprimé en rouge sur fond blanc, en Kinyarwanda, Anglais et Français. Ce texte doit recouvrir 60 % de l’enseigne;

3° amagambo ateganywa mu gace ka 2° agomba guherekezwa n’ikimenyetso kibuzza kunywa itabi kigaragara mu isegereti imbere mu ruziga rutukura, harimo n’umurongo utukura uberanye ucyahuranya, uva ibumoso ujya iburyo, kigaragara ku mugereka w’iri teka.

3° in addition, the words mentioned in 2° must bear a no smoking sign of a cigarette in a red circle with a red line passing through a cigarette diagonally from top left to bottom right annexed to this Order.

3° le libellé prévu au point 2° doit en plus être accompagné d’un signe non fumeur représentant une cigarette à l’intérieur d’un cercle rouge avec une ligne rouge traversant la cigarette en diagonale, de gauche à droite, annexé au présent arrêté.

**Ingingo ya 7: Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iri teka**

**Article 7: Repealing provisions**

**Article 7: Disposition abrogatoire**

Ingingo zose z’amateka yabanyirije iri teka kandi zinyuranye na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 8: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

**Article 8: Commencement**

**Article 8: Entrée en vigueur**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsiri tangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 09/06/2015

Kigali, on 09/06/2015

Kigali, le 09/06/2015

*Official Gazette n° 26 of 29/06/2015*

(sé)  
**Dr. BINAGWAHO Agnes**  
Minisitiri w'Ubuzima

(sé)  
**Dr. BINAGWAHO Agnes**  
Minister of Health

(sé)  
**Dr. BINAGWAHO Agnès**  
Ministre de la Santé

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika :**

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya  
Leta

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux



*Official Gazette n° 26 of 29/06/2015*

UMUGEREKA W'ITEKA RYA  
MINISITIRI N°20/33 RYO KU WA  
09/06/2015 RIGENA IMITERERE  
Y'AHANTU HAGENEWE KUNYWERA  
ITABI N'IBIRIKOMOKAHO  
N'IBIKUBIYE MU ITANGAZO  
RIHAMANIKWA

ANNEX TO MINISTERIAL ORDER N°  
20/33 OF 09/06/2015 DETERMINING  
THE CHARACTERISTICS OF  
SMOKING AREAS AND THE CONTENT  
WHICH SHALL BE INCLUDED IN THE  
NOTICE TO BE DISPLAYED IN THE  
SMOKING AREA

ANNEXE DE L'ARRETE MINISTERIEL  
N°20/33 DU 09/06/2015 PORTANT  
CARACTERISTIQUES DES ZONES  
RESERVEES AUX FUMEURS ET  
CONTENU D'AVIS À AFFICHER SUR  
CES ZONES



**NO SMOKING  
NO SMOKING  
IN THIS AREA**

Bibinywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 20/33 ryo ku wa 09/06/2015 rigena imiterere y'ahantu hagenewe kunywa itabi n'ibikomokaho n'ibikubiye mu itangazo rihamankwa

Seen to be annexed to Ministerial Order n°20/33 of 09/06/2015 determining the characteristics of smoking areas and the content which shall be included in the notice to be displayed in the smoking area

Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n°20/33 du 09/06/2015 portant les caractéristiques des zones réservées aux fumeurs et contenu d'avis à afficher sur ces zones

Kigali, ku wa 09/06/2015

Kigali, on 09/06/2015

Kigali, le 09/06/2015

(sé)

**Dr. BINAGWAHO Agnès**

Minisitiri w'Ubuzima

(sé)

**Dr. BINAGWAHO Agnes**

Minister of Health

(sé)

**Dr. BINAGWAHO Agnès**

Ministre de la Santé

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubilika :**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minister of Justice/Attorney General

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/34 RYO MINISTERIAL ORDER N°20/34 OF ARRETE MINISTERIEL N°20/34 DU KU WA 09/06/2015 RIGENA IBIJYA MU 09/06/2015 DETERMINING THE 09/06/2015 PORTANT CONTENU ET NYANDIKO ZIBURIRA ZISHYIRWA KU CONTENT AND DESIGN OF THE FORME DE L'AVERTISSEMENT A IPAKI Y'ITABI N'IBIRIKOMOKAHO WARNING TO BE PUT ON THE METTRE SUR LE PAQUET DU TABAC N'UKO ZITETE PACKAGE OF TOBACCO AND ET DES PRODUITS DU TABAC TOBACCO PRODUCTS

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamiye

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibyandikwa ku ipaki y'amasegereti n'iy'ibikomoka ku itabi

Article 2: Statement on the package of cigarettes and tobacco products

Article 2 : Déclaration sur un paquet de cigarettes et des produits de tabac

Ingingo ya 3: Ubutumwa buburira mu by'ubuzima bisabwa ku ipaki y'amasegereti n'ay'ibikomoka ku itabi

Article 3: Health warnings required on packages of cigarettes and tobacco products

Article 3: Avertissements de santé exigés sur les paquets de cigarettes et des produits de tabac

Ingingo ya 4: Ibindi bisabwa

Article 4: Other requirements

Article 4: Autres exigences

Ingingo ya 5: Igihe cy'inziacyuho cyo kubahiriza ibiteganywa n'iri teka

Article 5: Transitory period to comply with the provisions of this Order

Article 5: Période transitoire pour se conformer aux dispositions du présent arrêté

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 6: Repealing provision

Article 6: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 7: Commencement

Article 7: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISTITIRI N°20/34 RYO MINISTERIAL ORDER N°20/34 OF ARRETE MINISTERIEL N°20/34 DU KU WA 09/06/2015 RIGENA IBIJYA MU 09/06/2015 DETERMINING THE 09/06/2015 PORTANT CONTENU ET NYANDIKO ZIBURIRA ZISHYIRWA KU CONTENT AND DESIGN OF THE FORME DE L'AVERTISSEMENT A IPAKI Y'ITABI N'IBIRIKOMOKAHO WARNING TO BE PUT ON THE METTRE SUR LE PAQUET DU TABAC N'UKO ZITEYE PACKAGE OF TOBACCO AND ET DES PRODUITS DU TABAC TOBACCO PRODUCTS**

**Ministiri w'Ubuzima :**

**The Minister of Health;**

**Le Ministre de la Santé ;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 and 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 08/2013 ryo ku wa 01/03/2013 ryerekeye kugenzura imikoreshereze y'itabi, cyane cyane ngingo yaryo iya 18;

Pursuant to Law n° 08/2013 of 01/03/2013 relating to the control of tobacco, especially in Article 18;

Vu la Loi n° 08/2013 du 01/03/2013 régissant le control du tabac, spécialement en son article 18 ;

Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 20/03/2015 imaze kurisuzuma no kuryemeza;

After consideration, and approval by the Cabinet in its session of 20/03/2015;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 20/03/2015;

**ATEGETSE:**

**ORDERS:**

**ARRETE:**

**Ingingo ya mbere : icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Iri teka rigena ibijya mu nyandiko ziburira zishyirwa ku ipaki y'itabi n'ibirikomokaho n'uko ziteye.

This Order determines the content and design of the warning to be put on the package of tobacco and tobacco products.

Le présent arrêté porte sur le contenu et la forme de l'avertissement à mettre sur le paquet du tabac et des produits du tabac.

**Ingingo ya 2: Ibyandikwa ku ipaki y'amasegereti n'iy'ibikomoka ku itabi**

**Article 2: Statement on the package of cigarettes and tobacco products**

**Article 2: Déclaration sur un paquet de cigarettes et des produits de tabac**

Buri paki y'Isegereti n'iy'ibikomoka ku itabi bidandazwa mu Rwanda igomba:

Every package of cigarettes and tobacco products used for retail sale in Rwanda must:

Chaque paquet de cigarettes et des produits de tabac utilisés pour la vente en détail au Rwanda doit :

- 1° kuba yanditseho “Byo kucururizwa mu Rwanda”;
- 2° kubaho itangazo ryerekana igipimo cy’ubuvunderi, umwuka wa “carbone monoxide” mu magarama kuri buri gicuruzwa gikomoka ku itabi;
- 3° kugira itangazo ryerekana ubwinski bw’ubuvunderi na nicotine. Imibare igomba kuba iburungushuye n’itangazo ry’ubwinski bwa nicotine rigashyirwa ku kinyacumi.

- 1° carry the statement “For Sale in Rwanda”.
- 2° bear a statement of the tar, nicotine and carbon monoxide content in milligrams per tobacco product;
- 3° bear the tar and carbon monoxide yield statements. The numbers must be rounded to the nearest whole number and the nicotine yield statement must be rounded to one decimal place.

- 1° porter la déclaration “A vendre au Rwanda”.
- 2° porter déclaration sur le goudron, la nicotine et la teneur en monoxyde de carbone en milligrammes par produit de tabac;
